**IMYANZURO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GASABO YATERANYE KU WA 31 MUTARAMA 2018**

Ku wa gatatu tariki ya 31 Mutarama 2018 saa mbiri n'iminota mirongo itatu n'itanu za mu gitondo (08h35') mu cyumba cy'inama cy'Akarere ka Gasabo hateraniye inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo iyobowe n'Umuyobozi wayo **Madamu Dr BAYISENGE Jeannette.**

Ku Bajyanama 30 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo, iyi nama yitabiriwe n'Abajyanama 24 bakurikira :

**Abajyanama bitabiriye inama :**

1. Umujyanama Dr BAYISENGE Jeannette (Umuyobozi w'Inama Njyanama)
2. Umujyanama KAREGA Diogène (Umuyobozi wungirije w'Inama Njyanama)
3. Umujyanama KAREMERA Francis (Umunyamabanga w'Inama Njyanama)
4. Umujyanama BAGILIJABO Jean d'Amour
5. Umujyanama GAHAMANYI Edouard.
6. Umujyanama KAMASHAZI GASANA Donnah
7. Umujyanama KAMILI KAREGYE
8. Umujyanama KANKINDI GAHIRE Rose
9. Umujyanama KWIZERA KIVUYE Anitha
10. Umujyanama MBERABAHIZI Raymond Chrétien
11. Umujyanama MICO NTUNGA Patrick
12. Umujyanama MUGENI MAKUZA Jeannine
13. Umujyanama MUHIRE Jean Luc
14. Umujyanama MUSABYIMANA K. Yvonne
15. Umujyanama MUSSOLINI Eugene
16. Umujyanama MUZINGA Sam Mandela
17. Umujyanama NYIRABAHIRE Languide
18. Umujyanama RUBAGUMYA Emmanuel
19. Umujyanama RWAKIYANJA Jean Paul
20. Umujyanama RWAMULANGWA Stephen
21. Umujyanama RWIHUNDA Fred
22. Umujyanama UMUKUNZI Paul
23. Umujyanama UMUTONI Flora
24. Umujyanama TUYIZERE Marie Louise

**Abajyanama batitabiriye inama kubera impamvu zizwi:**

1. Umujyanama BUCYANA André
2. Umujyanama MUGABO Anne
3. Umujyanama MUTONIWASE Sophie
4. Umujyanama MUYOMBANO Aimé, PHD
5. Umujyanama SHEMA N. Fabrice
6. Umujyanama ZIHIGA Faustin

**Abandi bitabiriye iyi nama:**

1. Bwana INGABIRE Augustin (Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Gasabo);
2. Madamu UWINGABIYE Pudencienne (Umuyobozi w'Ishami ry'Imari)
3. Madamu UWINEZA Alice (Budget Officer)
4. Bwana SIMPENZWE Thomas (Umukozi ushinzwe M&E mu Karere ka Gasabo);
5. Bwana KARAMUZI Godfrey (Ag. District Council Specialist Affairs);
6. Madamu BENIMANA Bernadette (Contituency Affairs Officer).

**UKO INAMA YAGENZE N'IMYANZURO YAFASHWE**

Nyuma yo kuririmba indirimbo y'Igihugu no guha ikaze abitabiriye inama, Umuyobozi w'Inama Njyanama yamenyesheje abagize Inama Njyanama y'Akarere ingingo ziri ku murongo w'ibyigwa, maze ku bwumvikane busesuye barazemeza. Basuzuma ingingo ku yindi mu buryo bukurikira:

**INGINGO ZARI KU MURONGO W'IBYIGWA.**

1. Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe yo ku wa 11 Ukuboza 2017;
2. Raporo y'ibikorwa by'Akarere y'igihembwe cya kabiri cy'umwaka wa 2017-2018;
3. Raporo y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa ku mikoreshereze y'ingengo y'imari y'Akarere y'igihembwe cya kabiri cy'umwaka wa 2017-2018;
4. Raporo ya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu;
5. Kwemeza ko ikibanza nomero 5640 cyagurishwa;
6. Ikibanza kizakorerwamo umushinga wo gufasha abana bafite ubumuga bwo kutabona;
7. Ibibanza bibiri biri mu Kagari ka Kamutwa bisabirwa gukurwa mu mutungo rusange w'Akarere bigashyirwa mu mutungo bwite w'Akarere ka Gasabo;
8. Ibintu n'ibindi.

Nyuma yo kugezwaho ingingo zari ziteganyijwe ku murongo w'ibyigwa abagize Inama Njyanama y'Akarere bagejejweho mu butumire, Umuyobozi w'Inama Njyanama yabamenyeshe ko ingingo ya gatandatu n'iya karindwi hari inyandiko zazo zitabonetse, asaba abagize Inama Njyanama ko izo ngingo zazasuzumwa mu nama itaha. Abari mu nama bamaze kugezwaho iki gitekerezo ku bwumvikane busesuye bemeje ko hasuzumwa ingingo zisigaye ku buryo bukurikira:

1. Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe yo ku wa 11 Ukuboza 2017;
2. Raporo y'ibikorwa by'Akarere y'igihembwe cya kabiri cy'umwaka wa 2017-2018;
3. Raporo y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa ku mikoreshereze y'ingengo y'imari y'Akarere y'igihembwe cya kabiri cy'umwaka wa 2017-2018;
4. Raporo ya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu;
5. Kwemeza ko ikibanza nomero 5640 cyagurishwa;
6. Ibintu n'ibindi.

**Ingingo ya mbere: Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo ku wa 11 Ukuboza 2017**

Umunyamabanga w'Inama Njyanama yahawe umwanya ageza ku bitabiriye inama inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yateranye ku wa 11 Ukuboza 2017 bayikorera ubugirorangingo, bagezwaho n'ibaruwa Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali yanditse asubiza kuri iyo myanzuro yemeza ko imyanzuro yose yafashwe muri iyo nama ikwiye gushyirwa mu bikorwa banareba uburyo imyanzuro yemejwe mu nama ziheruka yashyizwe mu bikorwa. Nyuma bahaye umwanya Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Imari n'Iterambere ry'Ubukungu abagaragariza n'aho iyo myanzuro igeze ishyirwa mu bikorwa.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho inyandikomvugo, kuyikorera ubugororangingo no kureba uburyo myanzuro yemejwe yashyizwe mu bikorwa, bunguranye ibitekerezo bemeza umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N° 13.01.198**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yo ku wa 11 Ukuboza 2017, imaze gukorerwa ubugororangingo.

**Umwanzuro N° 13.02.199**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko nyuma yo kubona ibaruwa y'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali isubiza ku myanzuro iba yemejwe, Abajyanama bajya bohererezwa imyanzuro n'igisubizo cy'Umuyobozi w'Umujyi watanze kugira ngo nabo batangire gushyira mu bikorwa ibareba ndeste batangire no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ryayo.

Iyi myanzuro yemejwe n'Abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama.

**Ingingo ya kabiri: Raporo y'ibikorwa by'Akarere y'igihembwe cya kabiri cy'umwaka wa 2017-2018**

Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yahawe umwaya ageza ku bitabiriye inama raporo y'ibikorwa by'Akarere Gasabo y'igihembwe cya kabiri cy'umwaka wa 2017-2018 ndetse akoresheje uburyo bw'amashusho yerekana aho ibyo bikorwa bigeze. Yagaragaje ko iyi raporo y'ibikorwa ikubiyemo ibikorwa byakozwe n'Inama Njyanama y'Akarere, ibyakozwe na Komite Nyobozi y'Akarere, ibyakozwe n'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Akarere n'ibyakorewe mu mashami no mu maserivisi akorera ku Karere ndetse no mu Mirenge.

Abari mu nama bamaze kugezwaho raporo y'ibikorwa by'Akarere y'igihembwe cya kabiri, bamaze no kuyunguranaho ibitekerezo hasubizwa ibibazo Abajyanama babajije, hemejwe umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N° 13.03.200**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje raporo y'ibikorwa by'Akarere y'igihembwe cya kabiri cy'umwaka wa 2017-2018.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 23/23 bari mu cyumba cy'inama.

<u>Ingingo ya gatatu</u>: **Raporo y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa ku mikoreshereze y'ingengo y'imari y'Akarere y'igihembwe cya kabiri cy'umwaka wa 2017-2018**

Umuyobozi w'Inama Njyanama yahaye umwanya Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ageza ku Nama Njyanama raporo ku mikoreshereze y'ingengo y'imari y'Akarere y'igihembwe cya kabiri cy'umwaka wa 2017-2018.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Gasabo yabwiye abagize Inama Njyanama ko nk'uko biteganywa n'Itegeko No.87/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage mu ngingo ya 135 ivuga ku Nshingano z'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ko buri mezi atatu (3) agomba gusobanura imbere y'Inama Njyanama raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari, maze ageza ku bagize Inama Njyanama raporo y'uburyo ingengo y'imari y'Akarere y'igihembwe cya kabiri cy'umwaka wa 2017-2018, uburyo yakoreshejwe; agaragaza uburyo amafaranga yinjiye, ibyo yakoreshejwe, imyenda Akarere gafite n'aho gahunda y'itangwa ry'amasoko igeze.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yatangiye yibutsa imiterere y'ingengo y'imari y'Akarere y'umwaka wa 2017-2018 yemejwe ko ingana n'amafaranga y'u Rwanda 25,835,483,357, agomba guturuka mu butegetsi Bwite bwa Leta ari amafaranga y'u Rwanda 11,538,004,803 naho agomba kuzinjizwa n'Akarere ubwako angana n'amafaranga y'u Rwanda 14,297,478,554 aya akaba akubiyemo angana na 11,099,748,712 azakomoka ku misoro n'amahoro, 2,197,729,842 yari kuri konti dusoza umwaka n'umwenda wa banki Akarere kemerewe gufata ungana n'amafaranga y'u Rwanda 1,000,000,000, maze agaragaza n'uburyo ayo mafaranga ateganywa kwinjira mu Karere ka Gasabo yateganyijwe kuzakoreshwa.

Ku birebana n'imyinjirize y'imari, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yasobanuye ko mu gihembwe cya kabiri amafaranga yagombaga kwinjizwa n'Akarere ubwako (own revenues), igihembwe cya kabiri cyarangiye hamaze kwinjira agera kuri 1,890,498,900 kuri 2,175,560,853 yari ateganyijwe bingana na 87%. Yagaragaje kandi uburyo amafaraga yinjizwa n'Akarere yinjiye kuva muri Nyakanga 2017 kugeza mu Ukuboza 2017, asobanura ko ku mafaranga 3,584,975,074 yagombaga kwinjira hinjiye agera kuri 3,340,648,257 bihwanye na 93%. Naho ku mafaranga aturuka mu Butegetsi Bwite bwa Leta (earmarked transfers), ku mafaranga 1,190,442,171 yari ateganyijwe kwinjira mu gihembwe cya kabiri ayinjiye ni amafaranga y'u Rwanda 456,346,910 bihwanye na 38,3%. Ikinyuranyo cy'amafaranga angana 734,095,261 atinjiye Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yasobanuye ko byatewe n'uko hari amafaranga yasabwe muri Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi ariko igihembwe cya kabiri cyarangiye ataratangwa, ariko akaba yaratanzwe muri Mutarama 2018 igihembwe cya kabiri cyararangiye.

Ku birebana n'uburyo amafaranga yinjiye yakoreshejwe, hasobanuwe ko hamaze gukoreshwa amafaranga y'u Rwanda angana na 8,806,946,210 kuri 25,835,483,357 yari ateganyijwe gukoreshwa bihwanye na 34.25%. Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere agaragaza ko imikoreshereze y'ingengo y'imari ikomeje kuba hasi ugereranyije n'ingengo y'imari yose kuko n'amafaranga yinjiye ari makeya kandi akoreshwa hakurikijwe uko yinjiye, ariko hagaragazwa ko hari ikizere ko bizazamuka kuko amafaranga menshi yinjira mu gihembwe cya gatatu, aho yagaragaje ko kugeza ku wa 30 Mutarama 2018 ku mafarangay'u Rwanda 25,835,483,357 hari hamaze gukoreshwa agera kuri 11,361,099,325 bingana na 44 %.

Ku birebana n'imyenda Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yasobanuye ko kugeza ku wa 31/12/2017 Akarere kari gafite imyenda ingana n'amafaranga y'u Rwanda 1,872,339,019 kari gafitiye ba rwiyemezamirimo bahaye serivisi Akarere, ariko agaragaza ko bagiye bishyura kuko kugeza tariki 31 Mutarama 2018 akurikije impapuro zishyuza (factures) zakiriwe zari zitarishyurwa, Akarere kari gafite imyenda igera ku mafaranga y'u Rwanda 1,417,605,570 azakomeza kugenda yishyurwa bitewe n'uko azagenda yinjira. Uretse abo Akarere kabereyemo imyenda, Umunyamabanga Nshingwabikorwa yagaragaje n'ababereyemo Akarere imyenda, avuga ko ituruka ahanini ku basora baba batasoreye igihe bafite ibirarane. Uwo mwenda ungana n'amafaranga y'u Rwanda 365,080,375 agaragaza ingamba Akarere kafashe zo kugabanya uwo mwenda.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yagaragarije abagize Inama Njyanama aho amasoko ageze atangwa, agaragaza ko mu masoko 71 ateganyijwe gutangwa muri uyu mwaka, amasoko56 yamaze gutangwa, amasoko 8 ari mu nzira zo gutangwa naho andi masoko 7 ntabwo aratangira gutangwa. Umunyamabanga Nshingwabikorwa yibukije abari mu nama ko mu Karere ka Gasabo amasoko ya Leta yose atangwa hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga (e-procurement), avuga ko ubu buryo ari bwiza kuko ibikorwa byose bikorwa online bikaba bigabanya ingaruka zitari nziza zajyaga ziboneka.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere amaze kugaragariza abagize Inama Njyanama uko ingengo y'imari y'Akarere mu gihembwe cya kabiri cy'umwaka wa 2017-2018 yakoreshejwe, yagaragaje ingamba bihaye kugira ngo izakoreshwe neza uko yemejwe, kandi n'amafaranga yinjire uko yateganyijwe, maze asaba Inama Njyanama ko yayemeza.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho n'Umunyamabanaga Nshingwabikorwa w'Akarere raporo igaragaza uburyo ingengo y'imari yakoreshejwe kuva ku wa 01 Ukwakira 2017 kugeza ku wa 31 Ukuboza 2017, bunguranye ibitekerezo nyuma bemeza umwanzuro ukurikira :

**Umwanzuro N° 13.04.201**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari y'Akarere y'igihembwe cya kabiri cy'umwaka wa 2017-2018.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 23/23 bari mu cyumba cy'inama.

**<u>Ingingo ya kane</u> : Raporo ya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu**

Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yamenyesheje abari mu nama ko raporo Komisiyo yateguye ikubiyemo ingingo agiye kubagezaho zikurikira:

1. Umushinga w'ingengo y'imari ivuguruye y'umwaka wa 2017-2018 y'Akarere ka Gasabo.
2. Ibibazo birebana n'inyito z'ubutaka n'amahoro ku bukode bw'Ubutaka.
3. Umushinga wo kuvugurura ibiciro by'ibibanza byo kuri site ya Runyonza mu Murenge wa Rusororo;
4. Ikinyuranyo ku ngengo y'imari ivuguruye yemejwe ku wa 31 Mutarama 2017 n'iyakoreshwa.

**4.1. Umushinga w'ingengo y'imari ivuguruye y'umwaka wa 2017-2018 y'Akarere ka Gasabo**

Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu amaze guhabwa umwanya ngo ageze ku bagize Inama Njyanama y'Akarere umushinga w'ingengo y'imari ivuguruye y'Akarere ka Gasabo y'umwaka wa 2017-2018 yamenyesheje abari mu nama ko ibirebana n'uburyo ingengo y'imari yemejwe yakoreshejwe mu mezi atandatu ashize atabigarukaho kuko Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yabisobanuye bihagije muri raporo amaze kubagezaho. Yakomeje, amenyesha abari mu nama ko abagize Komisiyo bagize igihe gihagije cyo gusuzuma uyu mushinga w'ingengo y'imari ivugurye abagaragariza ibyahindutse mu ngengo y'imari yari yemejwe.

Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yagaragaje ko mu ngengo y'imari yemejwe ingana na 25,708,421,657 yagabanutsego amafaranga angana na 121,057,661 ubu umushinga w'ingengo y'imari ivuguruye ukaba ugana n'amafaranga y'u Rwanda miriyari makumyabiri n'eshanu, miriyoni magana arindwi na cumi n'enye, ibihumbi magana ane na makumyabiri na bitanu na magana atandatu mirongo cyenda n'atandatu (25,714,425,696 frw) ndetse agaragaza, imirongo yongerewe ingengo y'imari, iyagabanyirijwe ingengo y'imari hamwe n'ímirongo mishya y'ingengo y'imari yongewemo n'amafaranga yagenewe.

Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yagaragaje n'uburyo ingengo y'imari ivuguruye izakoreshwa yerekana uburyo isaranganyijwe hakurikijwe imirongo y' ingengo y' imari, avuga ko ingengo y' imari y'Akarere ka Gasabo ivuguruye y'umwaka wa 2016-2017, ingana n'amafaranga y'u Rwanda miriyari makumyabiri n'eshanu, miriyoni magana arindwi na cumi n'enye, ibihumbi magana ane na makumyabiri na bitanu na magana atandatu mirongo cyenda n'atandatu (25,714,425,696 frw), izakoreshwa mu ngengo y' imari isanzwe ( recurrent budget ) ingana n'amafaranga y'u Rwanda 15,496,205,880, naho izakoreshwa mu ngengo y' imari y'amajyambere (Development Budget) ingana 10,218,219,816, maze asoza asaba Inama Njyanama ko yakwemeza uyu mushinga w'ingengo y'imari ivuguruye.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho umushinga w'ingengo y' imari ivuguruye y'Akarere ka Gasabo y'umwaka wa 2017-2018, bunguranye ibitekerezo nyuma bemeza umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N⁰ 13.05.202**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ingengo y'imari ivuguruye y'Akarere ka Gasabo y'umwaka wa 2017-2018 ingana n'amafaranga y'u Rwanda miriyari makumyabiri n'eshanu, miriyoni magana arindwi na cumi n'enye, ibihumbi magana ane na makumyabiri na bitanu na magana atandatu mirongo cyenda n'atandatu (25,714,425,696 Frw).

Uyu mwanzuro wemejwe n'abajyanama 24/24 bari mu cyumba cy'inama.

**4.2.Ibibazo birebana n'inyito z'ubutaka n'amahoro ku bukode bw'Ubutaka.**

**A. Ikibazo cya Madamu MUKESHIMANA ANTOINETTE**

Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yamenyesheje abari mu nama ko Komisiyo yasuzumye ikibazo yagejejweho n'Umuyobozi w'Inama Njyanama cy'umuturage witwa MUKESHIMANA Antoinette wanditse avuga ko afite ubutaka bufite UPI: 1/02/04/01/5476. Muri iyi baruwa Madamu MUKESHIMANA Antoinette agaragaza ko yaje guhinduza inyito y'ubutaka (icyangombwa cye cyanditseho ubucuruzi) yibazaga ko ari ubutaka bugenewe ubuhinzi bitewe n'uko ahakorera ibikorwa by'ubuhinzi asanga igishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kigali kihagenera ibikorwa remezo, bityo abwirwa ko nta serivisi yahabwa kuko iyo nyito y'ubutaka igaragara kuri *''master plan''* ariko itari ku rutonde rw'ubutaka buboneka muri ***''system''*** y'iyandikisha ry'ubutaka ***''LAIS''.***

Ibi byatumye hakorwa isesengura, Komisiyo isanga koko igishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kigali cy'ikibanza cyavuzwe haruguru kiri ahagenera ibikorwaremezo (IN), bityo iyi nyito y'ubutaka ikaba itagaragara muri **LAIS** ku buryo yakwandikwa ku cyangombwa cy'ubutaka bw'uyu muturage, akaba ari nayo mpamvu atabonye serivisi yifuzaga yo guhinduza inyito y'icyangombwa cy'ubutaka.

Ikindi Komisiyo yagaragaje ni uko yahuye n'abatekinisiye b'Akarere bakabagaragariza ko hariho ubutaka bundi buri ahari izindi nyito zitagaragara muri system y'iyandikisha ry'ubutaka (LAIS), bityo Komisiyo igasanga bwasonerwa imisoro kuko ibyanditse ku cyangombwa cy'ubutaka biba bidahura na master plan kandi umuturage aka atabona uko abikosoza ngo icyangombwa cye kigendane n'igishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kigali, azabashe gusorera ibigendanye n'icyo ubutaka bwe bukoreshwa. Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu asoza asaba Inama Njyanama ko yakwemeza ko iki kibazo cya Madamu MUKESHIMANA Antoinette ndetse n'ibindi bisa nacyo bikwiye gukorerwa inyigo yihariye bigizwemo uruhare n'inzego zose bireba, abaturage bakazahabwa ibyangombwa bihuye n'ibiteganywa n'igishushanyo mbonera cy'umujyi wa Kigali.

Abari mu nama bamaze kugezwaho raporo ya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu k'uburyo yakurikiranye ikibazo cya Madamu Madamu MUKESHIMANA Antoinette, bunguranye ibitekereozo maze bemeza imyanzuro ikurikira:

**Umwanzuro N° 13.06.203**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo ishingiye kuri raporo ya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yemeje ko ikibazo cya MUKESHIMANA Antoinette ndetse n'ibindi bisa nacyo (by'abafite ubutaka buri ahari izindi nyito (IN: Ibikorwa remezo (Infrastructure), P1: Ubutaka bugenewe imyidagaduro (Passive Recreation), P2: Imyidagaduro (Active Recreation), SP: Special use na RD: Road) zitagaragara muri system y'iyandikisha ry'ubutaka (LAIS) bukwiye gukorerwa inyigo yihariye bigizwemo uruhare n'inzego zose bireba, abaturage bakazahabwa ibyangombwa bihuye n'ibiteganywa n'igishushanyo mbonera cy'umujyi wa Kigali.

**Umwanzuro N° 13.07.204**

Inama Njyanama y'akarere ka Gasabo yemeje ko Madamu MUKESHIMANA Antoinette n'abandi baturage bafite ikibazo gisa nícye, inyito z'ubutaka zitagaragara muri System y'iyandikisha ry'ubutaka (LAIS), bakwiye kuba basonewe imisoro, kugeza igihe iki kibazo kizakemurirwa, bagahabwa ibyangombwa bihuye n'ibiteganywa n'igishushanyo mbonera cy'umujyi wa Kigali bagatangira no gusoreshwa.

Iyi myanzuro yemejwe n'abajyanama 24/24 bari mu cyumba cy'inama.

2. **Ikibazo kirebana n'abaturage bafite ibyangombwa by'ubutaka byanditseho gutura ariko igishyushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kigali kikahagenera guhinga**

Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yagejeje ku bagize Inama Njyanama ikibazo Komisiyo yasuzumye cy'abaturage bahawe ibyangombwa byanditseho gutura kandi aho ubutaka bwabo buherereye igishushanyo mbonera cy'umujyi wa Kigali kigaragaza ko ari ubutaka bwagenewe ubuhinzi. Aba baturage bakaba barasabye ko basonerwa imisoro, mu gihe ubutaka bwabo bwaba butarengeje hegitari imwe nk'uko itegeko ribiteganya. Perezida wa Komisiyo yasobanuye ko hashingiwe ku biteganywa, Komisyo yasanze ikibazo cy'aba baturage gifite ishingiro isaba Inama Njyanama kwemeza ko abaturage bahawe ibyangombwa by'ubutaka byanditseho gutura, ariko aho igishushanyo mbonera cy'umujyi wa Kigali kiziye muri 2013 kikahagenera ubuhinzi hakwemezwa ko aba baturage bafashwa guhindurirwa ibyangombwa, ariko bakabanza kwishyura ibirarane by'imisoro batishyuye kugeza muri 2013 aho igishushanyo mbonera cy'umujyi wa Kigali kiziye buhindurirwa inyito bukaba ubw'ubuhinzi.

Abari mu nama bamaze kugezwaho iki kibazo no kucyunguranaho ibitekerezo bemeje umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N° 13.08.205**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko abaturage bahawe ibyangombwa by'ubutaka byanditseho gutura, ariko aho igishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kigali kiziye muri 2013, aho butaka bwabo buri ikahagenera ubuhinzi, aba baturage bafashwa guhindurirwa ibyangombwa by'ubutaka bwabo hakurikijwe icyo bwateganyirijwe gukoreshwa, ariko bakabanza kwishyura ibirarane by'imisoro batishyuye kugeza muri 2013 aho Master plan iziye.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama.

3. **Ikibazo cy'abaturage bafite ibyangombwa by'ubutaka byanditseho ubuhinzi, kandi Master plan igaragaza ko aho ubwo butaka buri hagenewe guturwa.**

Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yagejeje ku bari mu nama ikibazo Komisiyo yasuzumye cy'abaturage bafite ibyangombwa by'ubutaka byanditseho ubuhinzi, kandi igishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kigali kigaragaza ko aho ubwo butaka buri hagenewe guturwa. Yasobanuye Komisiyo imaze gusuzuma iki kibazo isaba Inama Njyanama ko hakwemezwa ko abaturage bizagaragara ko mbere y'ishyirwaho ry'igishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kigali, ibyangombwa byabo byari byanditseho ubuhinzi, ariko ubu Master plan ikaba yarahageneye gutura, bahindurirwa ibyangombwa bagahabwa ibihuye n'ibiteganywa na Master plan kandi hakabaho ubukangurambaga bukangurira abaturage guhinduza ibyangombwa byabo bikandikwaho icyo ubutaka bwagenewe gukoreshwa. Komisiyo yasabye ko abaturage bahabwa igihe ntarengwa cyo kubikora, ababigizemo ubushake buke bagafatirwa ingamba zo kugira ngo bihindurwe.

Abari mu nama bamaze kugezwaho ingamaba Komisiyo yafashe ku baturage batitabira guhinduza ibyangombwa by'ubutaka byabo ngo byandikweho ibyo ubutaka bwateganyijwe gukoreshwa, bunguranye ibitekerezo bagaragaza ko hari abaturage benshi iki kibazo kireba batigeze bahinduza kugira ngo badasabwa amahoro ku bukode bw'ubutaka maze bemeza umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N° 13.09.206**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko abaturage bizagaragara ko mbere y'ishyirwaho ry'igishushanyombonera cy'Umujyi wa Kigali (Master plan) ibyangombwa byabo byari byanditseho ubuhinzi, ariko ubu Master plan ikaba igaragaza ko hagenewe gutura, bahindurirwa ibyangombwa bagahabwa ibihuye n'ibiteganywa na master plan.

**Umwanzuro N° 13.10.207**

Inama Njyanama yAkarere ka Gasabo yasabye Komite Nyobozi y'Akarere gushyiraho gahunda y'ubukangurambaga ku baturage bafite ibyangombwa by'ubutaka byanditseho ubuhinzi, ariko master plan igaragaza ko bwagenewe gutura, muri ubwo bukangurambaga abaturage bakamenyeshwa ibyo ubutaka bwabo bwagenewe gukoreshwa kandi bagakangurirwa guhinduza ibyangombwa by'ubutaka bafite kugira ngo batunge ibyangombwa bijyanye n'icyo ubutaka bafite bwagenewe gukoreshwa. Abaturage batubahirije igihe kizaba cyatanzwe bagize ubushake buke bwo kubihinduza bagahabwa igihe ntarengwa bitakorwa Akarere kakabikora ku bufatanye n'Ikigo cy'Ubutaka kandi bagafatirwa ibihano,

Iyi myanzuro yemejwe n'Abajyanama 23/23 bari mu cyumba cy'inama.

4. **Ikibazo cy'abaturage bafite Ubutaka ahagaragajwe ko ari mu manegeka. (HRZ)**

Perezida wa Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu yamenyesheje abagize Inama Njyanama ko Komisiyo yasuzumye n'ikibazo cy'abaturage bafite ubutaka buri ahantu hagaragajwe ko ari mu manegeka, ndetse bamwe muri bo batishoboye bakaba baramaze gutuzwa muri Model Village, abandi barahawe amazu ahandi habereye guturwa. Yasobanuye ko aba baturage n'ubwo bagaragarijwe ko ari mu maneka inzu zabo ziracyahari kandi nta kindi gikorwa kirebana no kubaka bemerewe kuhakorera. Ikindi bakomeza kwishyuzwa imisoro y'ibyo bibanza byabo biri mu manegeka, kandi batemerewe kuhatura. Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu igasaba ko abantu bafite ibibanza ahagaragajwe nk'amanegeka

(HRZ) kandi ibyangombwa byabo biriho gutura, bahindurirwa ibyangombwa, bityo bagasoreshwa ibijyanye n'ibyo bemerewe gukorera kuri ubwo butaka, mu gihe bitarakorwa bakaba basonerwa amahoro ku bukode bw'ubutaka.

Abagize Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo bamaze kugezwaho ikibazo cy'abaturage bafite ubutaka ahagaragajwe ko ari mu manegeka. (HRZ), bungurane ibitekerezo nyuma bemeza umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N° 13.11.208**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko abantu bafite ibibanza ahagaragajwe nk'amanegeka (HRZ), kandi ibyangombwa by'ubutaka byabo biriho gutura, badakwiye gukomeza gusabwa amahoro y'ubukode bw'ubutaka kandi batemerewe kuhatura no kuhakorera imirimo y'ubwubatsi, mu gihe batarahindurirwa ibyangombwa ngo bijyane n'ibyo bemerewe gukorera kuri ubwo butaka.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 23/23 bari mu cyumba cy'inama.

5. **Abaturage bafite Ubutaka buteganywa kunyuzwamo imihanda hagendewe kuri Master plan.**

Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yagaragaje ko Komisiyo yasuzumye ikibazo yagejejweho cy'abaturage bafite ubutaka bigaragara ko buzanyuzwamo imihanda. Iyo mihanda igaragara kuri master plan ariko abaturage ntago bemerewe kugira icyo bakora kijyanye no kubaka kuri ubwo butaka buzanyuzwamo imihanda, kandi bakomeza gusabwa kuhatangira amahoro y'ubukode bw'ubutaka. Perezida wa Komisiyo yasobanuye ko Komisiyo imaze gusuzuma iki kibazo, isaba Inama Njyanama kwemeza ko abaturage bafite ubutaka buzanyuzwamo imihanda ugendeye ku gishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kigali, bahinduriza ibyangombwa bagatandukanya ubutaka buzanyuzwamo imihanda n'ubutaka busigara. Ahazanyuzwa imihanda hagasonerwa amahoro ku bukode bw'ubutaka kugeza igihe imihanda iteganyijwemo izakorerwa bagahabwa ingurane ikwiye.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho inama ya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu, bunguranye ibitekerezo nyuma bemeza umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N° 13.12.209**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko abaturage bafite ubutaka bigaragara ko buzanyuzwamo imihanda igaragara kuri master plan, ubutaka bigaragara buzanyuzwamo imihanda, butakwishyura amahoro ku bukode bw'ubutaka kuko ntacyo nyirabwo yemerewe kuhakorera kijyanye no kuhashyira inyubako, ariko ubwo butaka bugakomeza kumwandikwaho akazahabwa ingurane ikwiye igihe imihanda iteganyijwe izaba igiye kunyuzwamo.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 23/23 bari mu cyumba cy'inama.

**4.3.Umushinga wo kuvugurura ibiciro by'ibibanza byo kuri site ya Runyonza mu Murenge wa Rusororo.**

Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu, yageje ku bari mu nama umushinga wo kuvugurura ibiciro by'ubibanza byo kuri site ya Runyonza Umurenge wa Rusororo, asobanura ko

hashingiwe ku cyifuzo cya Komite Nyobozi y'Akarere yasabye ko ibiciro by'ibibanza bya Runyonza byavugururwa kuko hakoreshwa ibyemejwe n'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo mu nama yateranye ku wa 30 Gicurasi 2010 mu mwanzuro No.46.2.574 wemeje ibiciro ku buryo bukurikira:

- Ikibanza cya high standing (gifite $m^2$ 20/$m^2$ 30) amafaranga y'u rwanda 3,900,000 ;
- Ikibanza cya medium standing gifite $m^2$ 20/$m^2$ 30) amafaranga y'u Rwanda 1,950,000.

Pereida wa Komisiyo yagejeje ku bari mu nama igenagaciro ryakozwe yashyikirijwe, rigaragaza ko agaciro nyakuri k'ikibanza cyo kuri iyo site, Umugenagaciro wemewe na Leta yaragaragaje ko ikibanza fatizo gifite $m^2$ 15x20 gifite agaciro k'amafaranga y'u Rwanda miriyoni esheshatu n'ibihumbi mirongo cyenda na bine (6,094,000 Frw), asaba inama Njyanama ko yekwemeza icyo giciro kugira ngo ibibanza by'Akarere biri kuri iyo site Akarere kajye kabitanga kuri icyo giciro.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho igenagaciro ryakozwe ku biciro by'ikibanza kuri site ya Runyonza mu Murenge wa Rusororo, bamaze no gusanga ibyakoreshwaga ari ibyemejwe ku wa 30 Gicurasi 2010, hashingiwe no ku gaciro k'ifaranga basanze byari ngombwa ko bivugururwa, maze hemezwa umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N° 13.13.210**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yahindura ibiciro by'ikibanza byari byashyizweho n'umwanzuro No.46.2.574 w'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yateranye ku wa 30 Gicurasi 2010, yemeza ko igiciro cy'ikibanza gifite $m^2$ 15 kuri $m^2$ 20, Akarere kazajya kagitanga ku mafaranga y'u Rwanda miriyoni esheshatu n'ibihumbi mirongo cyenda na bine (6,094,000 Frw).

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 23/23 bari mu cyumba cy'inama.

4.4.**Ikinyuranyo ku ngengo y'imari ivuguruye yemejwe ku wa 31 Mutarama 2017 n'iyakoreshwa**.

Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yagejeje ku bari mu nama ikibazo Komisiyo yashyikirijwe cy'amafaranga y'ikinyuranyo cyagaragaye ku ngengo y'imari ivuguruye yemejwe ku wa 31 Mutarama 2017 n'iyakoreshweje. Asobanura ko nyuma y'uko ku wa 31.3.2017 hari amafaranga yagaragajwe nk'ikinyuranyo ku ngengo y'Imari ivuguruye y'akarere ka Gasabo y'umwaka wa 2016-2017 icyo kinyuranyo kingana n'amafaranga y'u Rwanda (291,228,110 Frw) yaturutse ku mafaranga 79,465,410 yavuye muri Minisiteri y'Uburezi yiyongereye ku mafaranga yo guhemba abarimu n'andi mafaranga 2,221,762,700 iki kinyuranyo cyaturutse ku mafaranga yavuye ku igurishwa ry'ubutaka hasabwa ko yasimbura 2,000,000,000 zari zemejwe mu ngengo y'imari ivugurye ko zasabwa muri banki nk'umwenda, byarakozwe nk'uko byemejwe mu Nama Njyanama y'Akarere yateranye ku wa 31.3.2017 bityo ikinyuranyo cy'amafaranga y'u Rwanda 291,228,110 yiyongera ku ngengo y'imari ivugurye y'umwaka wa 2016-2017 nk'uko bigaragazwa mu myanzuro N° 08.06.101 na N° 08.06.101 yemejwe mu nama Njyanama yateranye ku wa 31.3.2017.

Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yagaragarije abari mu nama ko hari ikindi kinyuranyo cyagaragaye cy'amafaranga y'u Rwanda 5,878,091 cyaturutse ku mafaranga angana na 3,251,413 yasagutse ku ngengo y'imari y'iterambere y'umwaka wa 2015-2016 (nka opening balance), yongerewe ku murongo w'ingengo y'imari y'umushinga wo kubaka ibiro bishya by'Akarere

(Constrution of Gasabo administrative office up to 70% /phase II) n'andi 2,626,678 yongerewe mu guhemba abaturage muri Public Works ku mushinga wo gukora imirwanyasuri kuri ha 100 mu Kagari ka Gatunga mu Murenge wa Nduba ( PW- Preparation of progressive terraces on Ha 100 in Nyamitanga, Gasura and Murambi villages in Nduba Sector), mu rwego rwo kongera imibyizi. Aya mafaranga yose akaba yaragaragaraga ku ngengo y'imari ivuguruye yakoreshejwe (expenditure) ariko atagaragaraga mu ngengo y'imari y'inkomoko y'amafaranga (resources): Annex 1, maze asoza asaba Inama Njyanama kwemeza ko ikinyuranyo cy'amafaranga 291,228,110 yagaragajwe ku wa 31/3/2017 n'ikinyuranyo cy'amafaranga 5,878,091 bagaragarijwe, yongerwa ku ngengo y'imari ivuguruye y'Akarere ka Gasabo yemejwe ku wa 31/01/2017 bityo ikaba 23,498,498,095.

Abagize Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo imaze kubona ikinyuranyo cy'amafaranga 5,878,091 yagaragaye ku ngengo y'imari ivuguruye y'Akarere ka Gasabo y'umwaka wa 2016-2017 yakoreshejwe (expenditure) ariko ataragaragaraga mu ngengo y'imari y'inkomoko y'amafaranga (resources), imaze kungurana ibitekerezo no kureba inkomoko y'ikinyuranyo cy'amafaranga 291,228,110 cyagaragarijwe Inama Njyanama mu nama yateranye ku wa 31 Werurwe 2017, bashingiye no ku cyifuzo cya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu, bemeza umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N° 13.14.211**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo ishingiye kuri raporo ya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu, isobanura amafaranga 5,878,091 yagaragaye ku ngengo y'imari ivuguruye y'Akarere ka Gasabo y'umwaka wa 2016-2017 yakoreshejwe (expenditure) ariko atagaragaraga mu ngengo y'imari y'inkomoko y'amafaranga (resources) yagaragajwe nk'ikinyuranyo hamwe n'andi mafaranga 291,228,110 nayo yasabwe kongerwa ku ngengo y'imari ivuguruye yemejwe ku wa 31/1/2017, imaze kungurana ibitekerezo kuri nkomoko z'ibyo binyuranyo n'icyo ayo mafaranga yakoreshejwe, yemeje ko ingengo y'imari ivuguruye y'Akarere ka Gasabo y'umwaka wa 2016-2017, yongereweho amafaranga 297,106,201 ikangana n'amafaranga y'u Rwanda 23,498,498,095.

Uyu mwanzuro wemejwe n'abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama.

**Ingingo ya gatanu: Kwemeza ko ikibanza nomero 5640 cyagurishwa**

Umuyobozi w'Inama Njyanama yagejeje ku bari mu nama raporo ku kibanza gifite UPI 1/02/04/01/5640 kiri mu Kagari ka Musezero mu Murenge wa Gisozi Komite Nyobozi yifuza ko cyabyazwa umusaruro kuko aho giherereye giteje isuku nke kuko kitubatse kandi ahandi hose hubatse.

Abari mu nama bamaze kugezwa ikifuzo cyo kubyaza umusaruro ubutaka bwanditse ku Karere ka Gasabo butabyaza umusaruro, hashingiwe ku biteganywa n'Itegeko no 872013 ryoku wa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'iimikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage, ingingo ya 125 igika cya 11 kivuga ko mu nshingano z'Inama Njyanama harimo no kwemeza igurishwa ry'umutungo utimukanwa w'Akarere hakurikijwe amategeko abigenga; bunguranye bitekerezo maze bemeza umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N° 13.15.212**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo ishingiye ku biteganywa n'Itegeko no 872013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'iimikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage ingingo ya 125 igika cya 11, yemeje ko ikibanza gifite UPI 1/02/04/01/5640 kiri mu Kagari ka Musezero mu Murenge wa Gisozi cyagurishwa hakurikijwe amategeko abigenga.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 23/23 bari mu cyumba cy'inama.

**Ingingo ya cumi: Ibintu n'ibindi**

Mu bintu n'ibindi, abari mu nama baganiriye kuri gahunda yo gusura imihigo, iyi gahunda ikaba iteganyijwe ku wa kane tariki 08 Gashyantare 2018 kuva saa mbiri n'igice za mu gitondo (8h30). Abajyanama bakazagenda mu matsinda ane kugira ngo imihigo yose ishobore gusurwa umunsi umwe.

Inama Njyanama yari yatangiye saa mbiri n'iminota mirongo itatu n'ine za mugitondo (08h35') yashoje imirimo yayo saa cyenda n'iminota itanu z'amanywa (15h05'), Umuyobozi w' Inama Njyanama ayisoza ashimira abayitabiriye ku bitekerezo byiza batanze.

Bikorewe i Gasabo, ku wa 31 Mutarama 2018

Umwanditsi w'inama:

**KAREMERA Francis**
Umunyamabanga w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Gasabo.

Umuyobozi w'inama:

**Dr BAYISENGE Jeannette**
Umuyobozi w' Inama Njyanama
y'Akarere ka Gasabo